ICYITONDERWA J.Baptiste

AKARERE KA RUSIZI

UMURENGE WA NYAKABUYE

E-MAIL: icyibaptiste@yahoo.fr

Tel: 0786653111

CENTRAL SECRETARIAT
RUSIZI DISTRICT
DATE 16 JAN 2013

Kuwa 08/01/2013

TRANSPARENCY INTERNATIONAL RWANDA
Received on: 18/01/2013
Name: ......
Signature: ......

Bwana NZEYIMANA Oscar, umuyobozi w'akarere

Ka RUSIZI i Rusizi.

IMPAMVU: **AKARENGANE**

Bwana Muyobozi,

Nshingiye ku ngingo ya 52 na 53 z'itegeko nshinga rya Repuburika y'u Rwanda ryo kuwa 04 kamena 2003, nkuko ryavuguruwe kugeza ubu, mbabajwe no kubandikira mbamenyesha akarengane nagiriwe n'ubuyobozi bw'umurenge wa NYAKABUYE nyuma yo kwirengagiza nkana ingingo ya 126 y'itegeko nshinga.

Bwana Muyobozi, Muri make nasabye akazi ko kwigisha mu kigo cy'amashuri cyisumbuye cya GS NYAKABWENDE giherereye mu murenge wa NYAKABUYE ari nawo mvukamo, nimwe akazi hagendewe gusa kuko ndi mu ishyaka PS IMBERAKURI bikaba byaragaragariye mu nama yo kuwa 27/11/2012 y'abayobozi b'ibigo by'amashuri biri mu murenge, iyo nama ikaba yari iyobowe n'ushinzwe uburezi ku murenge wa NYAKABUYE ariwe NIYIGENA Gilbert (0788809334).

Bwana Muyobozi, biragaragara ko nakorewe ivangura ku mpamvu z'uko ndi mu ishyaka PS IMBERAKURI kandi akazi nasabaga ntaho gahuriye n'ibiteganywa n'ingingo ya 59 y'itegeko ryavuzwe haruguru bityo nkaba mbasaba kubahiriza inshingano zanyu mu kampa igisubizo gishingiye ku kuri kw'ibyabaye nyuma yo gukora igenzura no kwanzura, dore ko bibaye ubugira kabiri aho natemewe insina ku mabwiriza y'ubuyobozi bw'umurenge wa NYAKABUYE mu mwaka wa 2011 mukabimenyeshwa ntimugire icyo mubikoraho.

Bwana Muyobozi, Nshoje iyi baruwa mbasaba kurenganurwa nk'umwenegihugu, nimutabikora amateka azabibabaze, Imana izabibabaze kandi mbifurije umwaka mushya muhire wa 2013 uzababere uwo gukoresha UKURI.

OFFICE DE L'OMBUDSMAN
DATE DE RECEPTION: 18/1/2013
SIGNATURE: ......

Received by: S. Central
Date: 21/1/2013
Signature: